# BELIEVERS EASTERN CHURCH

## IBARUWA Y'ABASHUMBA

Ugushyingo / Ukuboza 2023

**Imigisha n'indamukanyo ku Basenyeri n'Abepisikopi bose, Abapadiri n'Abadiyakoni, Abogezabutumwa n'Ababikira, ndetse n'Abemera bose bo mu Itorero rya Believers Eastern Church ku isi hose, mu izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amina!**

**Bakundwa muri Kristu,**

Nk'uko twegereza iherezo ry'Ugushyingo kandi twitegura kwinjira mu Ukuboza, ni iby'ingenzi ko twibuka akamaro k'ayo mezi abiri. Ukwezi k'Ugushyingo ni intangiriro y'umwaka mushya wa Liturijiya, naho ukwezi k'Ukuboza ni igihe twizihiza kimwe mu bintu by'ingenzi cyane byabaye muri Kalendari ya Liturijiya: Ivuka rya Kristu.

Twebwe abagize ubwoko bw'Imana, imibereho yacu ishingiye cyane ku ngengabihe ya kliziya kuruta ku ngengabihe isanzwe dukurikiza. Ni iby'ingenzi ko muri uyu mwaka mushya wa Liturijiya twiyemeza kuvugurura imibereho yacu muri Kristu. Bamwe muri twe bashobora kwiyemera umuco wo gusoma ibyanditswe buri munsi, gusengera hame nk'umuryango, kwihana buri munsi, gutanga icyacumi cya Nyagasani, kubahiriza kalendari ya kiliziya n'ibirori byayo, kwita ku bandi, n'ibindi byinshi.

Ndabashishikariza ku gukomera ku kwemera mwiyemeza kugira ikinyabupfura mu by'umwuka kandi mukakigenderaho buri gihe. Ikintu cy'ingenzi muri ibyo byose, ni ugukurikiza neza Kalendari ya Kiliziya, ibyo bikaba byatuma ibintu bikorohera. Iyo kalendari ikubiyemo imihango yose yo kwiyiriza ubusa n'iminsi milikuru yateguriwe ku bushake na kiliziya kugira ngo igire uruhare mu mibereho yawe yo mu by'umwuka. Ikirangaminsi cya Kiliziya gitegurwa mu buryo bwo kwibuka ibintu by'ingenzi byabaye mu buzima bw'isi bw'Umwami n'umukiza wacu Yezu Kristu, guhera ku gihe cyo gutangariza, ikiruta ibindi muri ibyo ni Ukwizihiza Noheli.

Noheli ituzanira ubutumwa bukomeye bw'ibyiringiro, amahoro n'ibyishimo. Idufasha gutekereza ku gikorwa gikomeye cy'urukundi rw'Imana n'agakiza ku bantu. Ubutumwa Umumarayika yatangarije abungeri mu ijoro Yezu yavutseho, bugaragaza neza ibyiyumvo abo bantu bari bafite agira ati "Mbazaniye inkuru ikomeye cyane, izashimisha umuryango wose. Uyu munsi Umukiza, ari we Kristu Umwami yavukiye I Betelehemu mu mudugudu wa Dawidi" (Mf. Luka 2:10 -11) nk'uko Marayika yabivuze, ubwo butumwa bugenewe abantu bose, natwe turimo,

kandi butuma imitima yacu yuzura ibyishimo n'ibyiringiro. Imana yinjiye mu mateka yacu y'abantu maze ihinduka Emamweli, Imana turi kumwe nk'uko ibyanditswe ngo " Nuko Jambo yigira umuntu, abana natwe". (Mf. Yohana 1:14) Abamarayika, abami b'abanyabwenge n'abashumba ntibihereranye ubutumwa bwiza bw'Ivuka rya Kristu, ahubwo babwiye abandi ukuri babonye n'ibyababayeho. Muri iki gihe cya Noheli, nimucyo ibyishimo n'ibirori bigere kure y'inkuta za Paruwasi, ingo n'imitima yacu, kandi bigere no mu gace dutuyemo.

Mbere y'umunsi wa Noheli, Abakiristu b'aborutodogisi ku isi hose bazirikana Ivuka rya Yezu cyangwa ugusiba kwa Noheli igihe kidufasha gutekereza mu isengesho ku gitangaza gikomeye cy'Umwana w'Imana wambaye umubiri akaba umwe muri twe. Muri iki gihe cyo kwiyiriza ubusa, twitegure imbere mu mutima no hanze ku buryo, nk'uko Kristu yigize nkatwe, natwe dushobora kumera nka we. Ni ubutumire bwo kongera kwivugurura ku Mwami wacu Yezu kristu – ni igihe cyo kongera gushyira mu gaciro, amahoro no kwitagatifuza mu mibereho yacu.

Inshuro nyinshi, dutekereza ko kwiyiriza ubusa ari ukwirinda kurya gusa. Ariko Mutagatifu Yohani Krizositomu atwibutsa ko " umuntu utekereza ko kwiyiriza ubusa bikubiyemo kwigomwa kurya gusa yibeshya; kwiyiriza ubusa nyabyo ni ugutandukana n'ikibi." Bityo rero, tugomba kwibuka ko mu gihe twigomwa ibyo kurya, duhamagarirwa kandi kwirinda gukora icyaha, amazimwe, ishyari, umujinya, n'ibindi bintu byose dukunze kureka bikatuyobora.

Nka kiliziya, nimucyo dukoreshe ubwo buryo bwose dufite bwo kubaho nk'umubiri umwe wa Kristu binyuriye mu kwifatanya mu buryo bugaragara muri kalendari y'Itorero n'ibintu binyuranye biyigize. Turifuza ko uyu mwaka mushya wa Liturijiya waba umuhamagaro wo kugira icyo dukora, tukarenga imbibi za Kiliziya, kugira ngo za Paruwasi zirusheho gutera imbere mu butumwa, kandi zigere ikirenge mu cya Yezu Kristu, Umwami wacu!

Amahoro n'ubuntu bw'Imana ishoborabyose bibe muri mwe iteka ryose!

**Umubyeyi wanyu muri Kristu,**

**Athanasius Yohan I Metropolitan**

**20 - 11- 2023**